- 3° to conclude partnership and cooperation agreements with different organs in charge of education and with other national and foreign institutions of higher learning in accordance with relevant laws;

privée détermine le type de l'institution, ses cycles d'enseignement, ses collèges, ses écoles, ses instituts de recherche affiliés ainsi que les diplômes qu'elle est autorisée à octroyer.

**Article 15: Organe de tutelle d'une institution d'enseignement supérieur privée**

Une institution d'enseignement supérieur privée est placée sous la tutelle d'un organe déterminé par son propriétaire.

**CHAPITRE III: POUVOIRS, AUTONOMIE ET MISSIONS DES INSTITUTIONS D'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR**

**Article 16: Pouvoirs des institutions d'enseignement supérieur**

Les institutions d'enseignement supérieur ont les pouvoirs suivants:

- 1° octroyer des diplômes ou certificats des cycles d'enseignement dispensé conformément aux lois qui les régissent;
- 2° octroyer aux candidats les certificats sanctionnant les formations de courte durée;
- 3° conclure des accords de partenariat et de coopération avec les différents organes chargés de l'éducation et avec d'autres institutions d'enseignement supérieur

		nationales et étrangères conformément à la législation en la matière;
4° gutanga amashimwe n'ibihembo ku bikorwa ntangarugero;	4° to award merit titles and awards that recognize exemplary achievements;	4° décerner des titres de mérite et des prix pour récompenser les réalisations exemplaires ;
5° kuzamura mu ntera abarimu n'abashakashatsi n'abakozi bayo hakurikijwe amategeko abigenga.	5° to promote their lecturers, researchers and staff in accordance with relevant laws.	5° promouvoir leurs enseignants, chercheurs et membres du personnel aux grades académiques conformément à la législation en la matière.
Kaminuza zifite ububasha bwo gutanga impamyabumenyi z'icyubahiro hakurikijwe amategeko azigenga.	Universities have power to award honorary degrees in accordance with laws governing them.	Les universités ont le pouvoir de décerner les diplômes d'honneur conformément aux lois qui les régissent.
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ubwigenge bw'amashuri makuru</b>	<b><u>Article 17:</u> Autonomy of institutions of higher learning</b>	<b><u>Article 17:</u> Autonomie des institutions d'enseignement supérieur</b>
Amashuri makuru afite ubwigenge mu myigishirize, mu bushakashatsi, mu buyobozi no mu micungire y'abakozi n'umutungo wayo hakurikijwe amategeko abigenga.	Institutions of higher learning enjoy autonomy in respect of teaching, research, administration and management of human and material resources in accordance with relevant laws.	Les institutions d'enseignement supérieur jouissent de l'autonomie d'enseignement, de recherche, d'administration et de gestion des ressources humaines et matérielles conformément à la législation en la matière.
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano z'amashuri makuru</b>	<b><u>Article 18:</u> Mission of institutions of higher learning</b>	<b><u>Article 18:</u> Missions des institutions d'enseignement supérieur</b>
Inshingano z'ingenzi z'amashuri makuru ni izi zikurikira:	Institutions of higher learning have the following main mission:	Les institutions d'enseignement supérieur ont les missions principales suivantes:
1° gutegura integanyanyigisho no kuzishyikiriza urwego rubifitiye ububasha kugira ngo zemerwe;	1° to develop curricula and submit them to the competent authority for approval;	1° élaborer les curricula et les soumettre à l'organe habilité pour approbation;

*Official Gazette n°06 of 06/02/2017*

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 2° gutanga inyigisho mu rwego rukuru zisozwa n'impamyabushobozi cyangwa n'impamyabumenyi z'icyiciro cya mbere, icya kabiri cyangwa icya gatatu;            | 2° to offer higher education courses leading to undergraduate, graduate or post-graduate certificates or degrees;  | 2° dispenser des cours d'enseignement supérieur sanctionnés par des certificats ou diplômes de premier, de deuxième ou de troisième cycles;  |
| 3° gukora no guteza imbere ubushakashatsi mu nzego zose z'ubumenyi, ikoranabuhanga no ku bibazo binyuranye by'igihugu, iby'akarere n'ibyo ku rwego rw'isi; | 3° to carry out and promote research in all scientific and technological disciplines and on different issues at the national, regional and global level; | 3° faire et promouvoir la recherche dans tous les domaines de la science, de la technologie et sur les différents problèmes à l'échelle nationale, régionale et mondiale;                    |
| 4° gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi no kubimenyekanisha;  | 4° to publish and disseminate research results;  | 4° publier et disséminer les résultats de recherche;   |
| 5° gutanga ubumenyi, hakoreshejwe uburyo bw'imbona nkubone, iyakure cyangwa byombi no guteza imbere ikoranabuhanga; hagamijwe guhanga umurimo;             | 5° to impart knowledge and skills through e-learning or traditional teaching or both and promote technology for job creation purposes;                   | 5° fournir des connaissances et des compétences, à travers l'enseignement à distance et l'enseignement classique ou les deux et promouvoir la technologie en vue de la création de l'emploi; |
| 6° guteza imbere uburere, umuco n'indangagaciro za kinyarwanda;  | 6° to promote education, Rwandan culture and values;   | 6° promouvoir l'éducation, la culture et les valeurs rwandaises;   |
| 7° kugira uruhare mu gukemura ibindi bibazo birebana n'iterambere ry'igihugu.  | 7° to contribute to the resolution of other issues related to national development.  | 7° contribuer à la résolution d'autres problèmes liés au développement national.   |

**UMUTWE WA IV: IMITUNGANYIRIZE  
Y'AMASHURI MAKURU**

**Icyiciro cya mbere:** Gufungura, gufunga, kwimurira ahandi koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi bishamikiye ku ishuri rikuru, kuzamura icyiciro cy'inyigisho cyangwa guhindura ubwoko bw'ishuri rikuru

**Ingingo ya 19:** Gufungura, gufunga, guhindura ubwoko, kwimurira ahandi cyangwa kuzamura icyiciro cy'inyigisho by'ishuri rikuru

Gufungura, gufunga cyangwa guhindura ubwoko bw'ishuri rikuru rya Leta bikorwa n'itegeko.

Kwimurira ahandi icyicaro cy'ishuri rikuru rya Leta bigenwa n'itegeko ririshyiraho. Kuzamura icyiciro cy'inyigisho zaryo byemezwa na Minisitiri.

Gufungura, gufunga cyangwa guhindura ubwoko ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano bikorwa n'iteka rya Minisitiri.

Kwimurira ahandi icyicaro cy'ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano bigenwa n'iteka rya Minisitiri ririha ubuzima gatozi. Kuzamura icyiciro cy'inyigisho zaryo byemezwa na Minisitiri.

**CHAPTER IV: ORGANIZATION OF  
INSTITUTIONS OF HIGHER LEARNING**

**Section One:** Opening, closure, relocation of a college, a school, a faculty or a research institute affiliated to an institution of higher learning or upgrading academic programmes or change in the type of an institution of higher learning

**Article 19:** Opening and closure of, change in the type of, relocation of, or upgrading academic programmes by an institution of higher learning

The opening closure or change of the type of a public institution of higher learning is carried out through a law.

The relocation of a seat of a public institution of higher learning is decided by the law establishing it. The upgrading of its academic programmes is approved by the Minister.

The opening, closure or change of the type of a Government-subsidized institution of higher learning is carried out by an Order of the Minister.

The relocation of a seat of a Government-subsidized institution of higher learning is determined by an Order of the Minister conferring legal personality upon it. The

**CHAPITRE IV: ORGANISATION DES  
INSTITUTIONS D'ENSEIGNEMENT  
SUPERIEUR**

**Section première:** Ouverture, fermeture, transfert d'un collège, d'une école, d'une faculté ou d'un institut de recherche affiliés à une institution d'enseignement supérieur, mise à niveau du cycle d'études ou changement de type d'une institution d'enseignement supérieur

**Article 19:** Ouverture, fermeture, changement de type et transfert d'une institution d'enseignement supérieur ou mise à niveau du cycle d'études

L'ouverture, la fermeture ou le changement de type d'une institution d'enseignement supérieur publique se font par une loi.

Le transfert d'un siège d'une institution d'enseignement supérieur publique est déterminé par une loi. La mise à niveau de son cycle d'études est approuvée par le Ministre.

L'ouverture, la fermeture ou le changement du type d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée se font par arrêté du Ministre.

Le transfert d'un siège d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée se fait par arrêté du Ministre lui conférant la personnalité juridique. La mise à niveau de son cycle d'études est approuvée par le Ministre.

upgrading of its academic programmes is approved by the Minister.

Gufungura, gufunga cyangwa guhindura ubwoko by'ishuri rikuru ryigenga bikorwa n'iteka rya Minisitiri.

The opening, closure or change in the type of a private institution of higher learning is carried out through an Order of the Minister.

L'ouverture, la fermeture ou le changement de type d'une institution d'enseignement supérieur privée se font par arrêté du Ministre.

Kwimurira ahandi icyicaro cy'ishuri rikuru ryigenga bigenwa n'iteka rya Minisitiri ririha ubuzima gatozi. Kuzamura icyiciro cy'inyigisho zaryo byemezwa na Minisitiri.

The relocation of a seat of a private institution of higher learning is determined by an Order of the Minister conferring legal personality upon it. The upgrading of its academic programs is approved by the Minister.

Le transfert d'un siège d'une institution d'enseignement supérieur privée est déterminé par arrêté du Ministre lui conférant la personnalité juridique. La mise à niveau de son cycle d'études est approuvée par le Ministre.

**Ingingo ya 20: Gufungura, gufunga cyangwa kwimurira ahandi Koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi bishamikiye ku ishuri rikuru**

**Article 20: Opening, closure or relocation of a college, a school, a faculty or a research institute affiliated to an institution of higher learning**

**Article 20: Ouverture, fermeture ou transfert d'un collège, d'une école, d'une faculté ou d'un institut de recherche affilié à une institution d'enseignement supérieur**

Gufungura, gufunga cyangwa kwimurira ahandi Koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi bishamikiye ku ishuri rikuru rya Leta, irihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano cyangwa iryigenga byemezwa na Minisitiri.

The opening, closure or relocation of a college, a school, a faculty or a research institute affiliated to a public, Government-subsidized or private institution of higher learning are approved by the Minister.

L'ouverture, la fermeture ou le transfert d'un collège, d'une école, d'une faculté ou d'un institut de recherche affilié à une institution d'enseignement supérieur publique, conventionnée ou privée sont approuvés par le Ministre.

Ibishingirwaho kugira ngo ishuri rikuru ryemererwe kuzamura icyiciro cy'inyigisho, guhindura ubwoko bwaryo, gufungura koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Requirements for an institution of higher learning to be authorized to upgrade its academic programs, change its type, open an affiliated college, school, faculty or research institute are determined by an Order of the Minister.

Les conditions devant être remplies par une institution d'enseignement supérieur pour être autorisée à mettre au niveau son cycle d'études, à changer son type, à ouvrir un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche y affilié sont déterminées par arrêté du Ministre.



**Icyiciro cya 2: Kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru**

**Ingingo ya 21: Kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru ya Leta**

Kugabanya ishuri rikuru rya Leta mo andi mashuri makuru ya Leta abiri (2) cyangwa menshi hamwe no gukomatanya amashuri makuru ya Leta abiri (2) cyangwa menshi akaba ishuri rikuru rimwe (1) rya Leta bikorwa n'itegeko.

**Ingingo ya 22: Kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano**

Kugabanyamo ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano andi mashuri makuru abiri (2) cyangwa menshi cyangwa gukomatanya amashuri makuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano abiri (2) cyangwa menshi akaba ishuri rikuru rimwe bikorwa hashingiwe ku masezerano akorwa hagati y'impane zombi bikemezwa n'iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 23: Kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru yigenga**

Kugabanya ishuri rikuru ryigenga mo andi mashuri makuru yigenga abiri (2) cyangwa menshi cyangwa gukomatanya amashuri makuru yigenga abiri (2) cyangwa menshi

**Section 2: Separating or merging of institutions of higher learning**

**Article 21: Separating or merging public institutions of higher learning**

The separation of a public institution of higher learning into two (2) or several other public institutions of higher learning or merging of two (2) or several public institutions of higher learning into one public institution of higher learning are carried out by a law.

**Article 22: Separating or merging Government-subsidized institutions of higher learning**

The separation of a Government-subsidized institution of higher learning into two (2) or several other Government-subsidized institutions of higher learning or merging of two (2) or several Government-subsidized institutions of higher learning into one Government-subsidized institution of higher learning is carried out through provisions of the agreement signed between both parties and approved by an Order of the Minister.

**Article 23: Separating or merging private institutions of higher learning**

The separation of a private institution of higher learning into two (2) or several other private institutions of higher learning or merging of two (2) or several private institutions of higher

**Section 2: Scission ou fusion d'institutions d'enseignement supérieur**

**Article 21: Scission ou fusion d'institutions d'enseignement supérieur publiques**

La scission d'une institution d'enseignement supérieur publique en deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur publiques ainsi que la fusion de deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur publiques en une seule institution d'enseignement supérieur publique se font par une loi.

**Article 22: Scission ou fusion des institutions d'enseignement supérieur conventionnées**

La scission d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée en deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur conventionnées ou la fusion de deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur conventionnées en une seule institution d'enseignement supérieur conventionnée, se fait sur base d'une convention signée entre les deux parties et approuvé par arrêté du Ministre.

**Article 23: Scission ou fusion des institutions d'enseignement supérieur privées**

La scission d'une institution d'enseignement supérieur privée en deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur privées ou la fusion de deux (2) ou plusieurs institutions

akaba ishuri rikuru rimwe (1) bikorwa hakoreshejwe iteka rya Minisitiri.

learning into one private institution of higher learning is carried out through an Order of the Minister.

d'enseignement supérieur privées en une seule institution d'enseignement supérieur privée se fait par arrêté du Ministre.

**Ingingo ya 24: Ingaruka zo kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru ya Leta**

**Article 24: Effects of separating or merging public institutions of higher learning**

**Article 24: Effets de la scission ou de la fusion d'institutions d'enseignement supérieur publiques**

Iyo habayeho kugabanya ishuri rikuru rya Leta mo amashuri makuru abiri (2) cyangwa menshi, ishuri rikuru rigabanyijwe riraseswa, rigatakaza ubuzimagatozi. Buri shuri rikuru rishya rishyirwaho n'itegeko ryihariye.

Where a public institution of higher learning is split into two (2) or several institutions of higher learning, it is dissolved and loses its legal personality. Each new public institution of higher learning is established by a law.

En cas de scission d'une institution d'enseignement supérieur publique en deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur, cette institution est dissoute et perd sa personnalité juridique. Chaque nouvelle institution d'enseignement supérieur est créée par une loi.

Iyo habayeho ikomatanya ry'amashuri makuru ya Leta abiri (2) cyangwa menshi, buri shuri rikuru riraseswa, rigatakaza ubuzimagatozi.

Where two (2) or several public institutions of higher learning are merged, each of them is dissolved and loses its legal personality.

En cas de fusion de deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur publiques, chacune d'entre elles est dissoute et perd sa personnalité juridique.

Ishuri rikuru rikomotse kuri iryo komatanya rishyirwaho n'itegeko.

The institution of higher learning formed as a result of the merger is established by a law.

L'institution d'enseignement supérieur issue de cette fusion est créée par une loi.

**Ingingo ya 25: Ingaruka zo kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano**

**Article 25: Effects of separating or merging Government-subsidized institutions of higher learning**

**Article 25: Effets de la scission ou de la fusion d'institutions d'enseignement supérieur conventionnées**

Iyo habayeho kugabanya ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano mo andi mashuri makuru, buri shuri rikuru rishya rihabwa ubuzima gatozi n'iteka rya Minisitiri.

Where a Government-subsidized institution of higher learning is split, each new institution of higher learning formed is granted legal personality by an Order of the Minister.

En cas de scission d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée, chaque nouvelle institution d'enseignement supérieur créée obtient la personnalité juridique par arrêté du Ministre.

Iyo habayeho ikomatanya ry'amashuri makuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano abiri (2) cyangwa menshi, buri shuri rikuru riraseswa, rigatakaza ubuzimagatozi.

Ishuri rikuru rikomotse kuri iryo komatanya niryohabwa ubuzimagatozi hakoreshejwe iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 26: Ingaruka zo kugabanya cyangwa gukomatanya amashuri makuru yigenga**

Iyo habayeho ikomatanya ry'amashuri makuru yigenga abiri (2) cyangwa menshi, buri shuri rikuru riraseswa, rigatakaza ubuzimagatozi.

Ishuri rikuru rikomotse kuri iryo komatanya ni ryo rihabwa ubuzimagatozi kandi rikemererwa gukora hakoreshejwe iteka rya Minisitiri.

Iyo habayeho kugabanya ishuri rikuru ryigenga, buri shuri rikuru rishya ryemererwa gukora n'iteka rya Minisitiri ari na ryo ririha ubuzimagatozi.

Where two (2) or several Government-subsidized institutions of higher learning are merged, each of them is dissolved and loses its legal personality.

The institution of higher learning formed as a result of the merger is granted legal personality by an Order of the Minister.

**Article 26: Effects of separating or merging private institutions of higher learning**

Where two (2) or several private institutions of higher learning are merged, each of them is dissolved and loses its legal personality.

An institution of higher learning formed as a result of the merger is granted legal personality and accreditation by an Order of the Minister.

Where a private institution of higher learning is split, each new institution of higher learning formed is accredited by an Order of the Minister which also confers legal personality upon it.

En cas de fusion de deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur conventionnées, chacune d'entre elles est dissoute et perd sa personnalité juridique.

L'institution d'enseignement supérieur issue de cette fusion obtient la personnalité juridique par arrêté du Ministre.

**Article 26: Effets de la scission ou de la fusion d'institutions d'enseignement supérieur privées**

En cas de fusion de deux (2) ou plusieurs institutions d'enseignement supérieur privées, chacune d'entre elles est dissoute et perd sa personnalité juridique.

L'institution d'enseignement supérieur issue de cette fusion obtient la personnalité juridique et l'accréditation par arrêté du Ministre.

En cas de scission d'une institution d'enseignement supérieur privée, chaque nouvelle institution d'enseignement supérieur créée obtient l'accréditation par arrêté du Ministre qui lui accorde également la personnalité juridique.

**Icyiciro cya 3: Gufunga ishuri rikuru by'agateganyo**

**Ingingo ya 27: Impamvu zo gufungwa ishuri rikuru cyangwa ishami ryaryo by'agateganyo**

Ishuri rikuru cyangwa ishami ryaryo, rishobora gufungwa by'agateganyo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko kimwe n'andi mategeko akurikizwa mu gihugu mu bijyanye n'imikorere n'imitunganyirize by'amashuri makuru;
- 2° umutekano muke;
- 3° kutubahiriza ibipimo ngenderwaho mu mashuri makuru;
- 4° indi mpamvu idasanzwe.

**Ingingo ya 28: Ifatwa n'ivanwaho ry'icyemezo cyo gufungwa ishuri rikuru cyangwa ishami ryaryo by'agateganyo**

Icyemezo cyo gufungwa by'agateganyo ishuri rikuru rya Leta, irihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano, iryigenga cyangwa ishami ryaryo gifatwa na Minisitiri.

Icyemezo cyo gukuraho icyemezo cy'ifungwa ry'agateganyo ry'ishuri rikuru rya Leta, irihuriweho na Leta n'abikorera ku

**Section 3: Temporary closure of an institution of higher learning**

**Article 27: Reasons for temporary closure of an institution of higher learning or its faculty**

An institution of higher learning or its faculty may be temporarily closed for any of the following reasons:

- 1° failure to comply with provisions of this Law as well as other laws in force in Rwanda applicable to the organisation and functioning of higher education;
- 2° insecurity;
- 3° failure to comply with standards for higher education;
- 4° any other special reason.

**Article 28: Making and withdrawal of a decision to temporarily close an institution of higher learning or its faculty**

The decision to temporarily close a public, a government-subsidized or a private institution of higher learning or its faculty is made by the Minister.

The cancellation of the decision to temporarily close a public, a government-subsidized or a

**Section 3: Fermeture temporaire d'une institution d'enseignement supérieur**

**Article 27: Motifs de fermeture temporaire d'une institution d'enseignement supérieur ou de sa faculté**

Une institution d'enseignement supérieur ou sa faculté peut être temporairement fermée pour l'une des raisons suivantes:

- 1° la non-conformité aux dispositions de la présente loi et celles d'autres lois en vigueur au Rwanda applicables à l'organisation et au fonctionnement de l'enseignement supérieur;
- 2° l'insécurité;
- 3° le non-respect des normes applicables à l'enseignement supérieur;
- 4° tout autre motif spécial.

**Article 28: Prise et levée d'une décision de fermeture temporaire d'une institution d'enseignement supérieur ou sa faculté**

La décision de fermeture temporaire d'une institution d'enseignement supérieur publique, conventionnée ou privée ou sa faculté est prise par le Ministre.

La décision de lever la décision de fermeture temporaire d'une institution d'enseignement

bw'amasezerano iryigenga cyangwa ishami ryaryo gifatwa na Minisitiri.

**Ingingo ya 29: Itangazwa ry'icyemezo gifunga ishuri rikuru cyangwa ishami ryaryo by'agateganyo n'iry'ikikivanaho**

Icyemezo cyo gufunga ishuri rikuru by'agateganyo cyangwa cyo kuvanaho icyemezo cyafunze ishuri rikuru by'agateganyo cyangwa ishami ryaryo gitangazwa na Minisitiri, kikamenyeshwa nyir'ishuri rikuru cyangwa uruhagarariye mu nyandiko, kigatangazwa nibura mu bitangazamakuru bibiri (2) bikorera mu Rwanda mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye umunsi icyemezo cyafatiweho.

**Icyiciro cya 4: Gufunga burundu ishuri rikuru**

**Ingingo ya 30: Impamvu zo gufunga burundu ishuri rikuru cyangwa ishami ryaryo**

Ishuri rikuru rya Leta, irihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano iryigenga cyangwa ishami ryaryo rishobora gufungwa burundu kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1° kuba ishuri rikuru ryananiwe kuvanaho impamvu zatumye rifungwa by'agateganyo mu gihe kigenwa n'icyemezo cy'ifungwa ry'agateganyo;

private institution of higher learning or its faculty is made by the Minister.

**Article 29: Publication of the decision to temporarily close an institution of higher learning or its faculty and withdrawal of the decision**

The decision to temporarily close an institution of higher learning or its faculty or to withdraw such a decision is published by the Minister and notified in writing to the owner of the institution of higher learning or its representative, at least in two (2) of the media outlets based in Rwanda within five (5) days from when the decision was taken.

**Section 4: Permanent closure of an institution of higher learning**

**Article 30: Reasons for permanent closure of an institution of higher learning or its faculty**

A public, Government-subsidized or private institution of higher learning or its faculty may be permanently closed due to any of the following reasons:

1° failure by the institution of higher learning to address the causes of its temporary closure within the period determined by the temporary closing decision;

supérieur publique, conventionnée ou privée ou sa faculté est prise par le Ministre.

**Article 29: Publication de la décision de fermeture d'une institution d'enseignement supérieur ou sa faculté et levée de la décision**

La décision de fermeture temporaire ou de levée de la décision de fermeture temporaire d'une institution d'enseignement supérieur ou de sa faculté est publiée par le Ministre qui en informe par écrit le propriétaire de l'institution d'enseignement supérieur ou son représentant dans au moins deux (2) organes de presse basés au Rwanda endéans les cinq (5) jours suivant la prise de la décision.

**Section 4: Fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur**

**Article 30: Motifs de fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur ou sa faculté**

Une institution d'enseignement supérieur publique, conventionnée ou privée ou sa faculté peut être fermée définitivement pour l'une des raisons suivantes:

1° incapacité de l'institution d'enseignement supérieur de mettre fin aux causes de sa fermeture temporaire dans un délai déterminé par la décision de fermeture temporaire;

2° iyo byumvikanyweho n'abagiranye amasezerano ku ishuri rikuru rihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano cyangwa bisabwe na nyir'ishuri ku ishuri rikuru ryigenga.

**Ingingo ya 31: icyemezo cyo gufunga burundu ishuri rikuru**

Gufunga burundu ishuri rikuru rya Leta bikorwa n'itegeko, naho gufunga burundu ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano cyangwa iryigenga bikorwa n'iteka rya Minisitiri.

Impamvu ishuri rikuru rya Leta, iryo Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano cyangwa iryigenga risabirwa gufungwa burundu zigaragazwa na raporo y'Urwego rw'Igihugu rufite ubugenzuzi bw'amashuri makuru mu nshingano zarwo ishyikirizwa Minisitiri.

**Ingingo ya 32: Ikemurwa ry'ibibazo bitewe no gufunga burundu ishuri rikuru**

Itegeko rifunga burundu ishuri rikuru rya Leta riteganywa uburyo umutungo waryo ushyikirizwa Leta hamaze gukemurwa ibibazo byose by'imyenda y'iryo shuri n'iby'amasezerano ryakoze kandi rigena uburyo abanyeshuri bigaga muri iryo shuri bakomeza kwiga.

2° mutual agreement by the parties in case of a Government-subsidized institution of higher learning or upon request by the owner in case of a private institution of higher learning.

**Article 31: Decision to permanently close an institution of higher learning**

Permanent closure of a public institution of higher learning is decided by a law while that of a Government-subsidized or a private institution of higher learning is decided by an Order of the Minister.

Reasons for requesting for permanent closure of a public, Government-subsidized or private institution of higher learning are indicated in the report of the National Organ in charge of inspection of higher learning institutions submitted to the Minister.

**Article 32: Resolution of issues arising from permanent closure of an institution of higher learning**

The law permanently closing a public institution of higher learning provides for modalities of transfer of its assets to the State after settlement of all its liabilities and issues in connection with agreements it concluded and determines modalities for continuation of studies by its students.

2° commun accord des parties pour l'institution d'enseignement supérieur conventionnée ou sur demande du propriétaire pour une institution d'enseignement supérieur privée.

**Article 31: Décision de fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur**

La fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur publique est décidée par une loi tandis que celle d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée ou privée est décidée par arrêté du Ministre.

Les motifs de demande de fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur publique, conventionnée ou privée sont indiqués dans le rapport de l'Organe national ayant l'inspection des institutions d'enseignement supérieur dans ses attributions soumis au Ministre.

**Article 32: Résolution des problèmes dus à la fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur**

La loi portant fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur publique prévoit les modalités de transfert de ses biens à l'Etat après apurement de toutes ses dettes et règlement de toutes les questions relatives aux conventions conclues par elle et prévoit les modalités de continuer les études pour les étudiants de cette institution.

Ibibazo birebana n'abarimu, abashakashatsi n'abandi bakozi bikemurwa hakurikijwe amategeko n'amasezerano bagiranye n'ishuri rikuru.

Issues related to teaching, research staff and other staff members are settled in accordance with law and contracts they entered into with the institution of higher learning.

Les problèmes relatifs au personnel enseignant, de recherche et aux autres membres du personnel sont réglés conformément à la loi et aux contrats conclus par eux avec l'institution d'enseignement supérieur.

**Ingingo ya 33: Ikemurwa ry'ibibazo bitewe no gufunga burundu ishuri Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano**

Iyo ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano rifunzwe burundu, hakorwa amasezerano yerekeye ikoreshwa ry'umutungo waryo hamaze gukemurwa ibibazo byose by'imyenda y'iryo shuri rikuru ndetse n'ibijyanye n'amasezerano ryakoze.

**Article 33: Resolution of issues arising from permanent closure of a Government-subsidized institution of higher learning**

In case of permanent closure of a Government-subsidized institution of higher learning, a contract related to the use of its property is signed between partners after resolving all issues related to its liabilities and agreements concluded.

**Article 33: Résolution des problèmes dus à la fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée**

En cas de fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée, une convention concernant l'utilisation de son patrimoine est signée après apurement de toutes ses dettes et résolution de toutes les questions liées à ses conventions.

**Ingingo ya 34: Ikemurwa ry'ibibazo bitewe no gufunga burundu ishuri rikuru ryigenga**

Iyo ishuri rikuru ryigenga cyangwa ishami ryaryo rifunzwe burundu, umutungo waryo uba umutungo bwite wa nyiraryo hamaze gukemurwa ibibazo byose by'imyenda y'iryo shuri rikuru ndetse n'ibijyanye n'amasezerano ryakoze.

**Article 34: Resolution of issues arising from permanent closure of a private institution of higher learning**

In case of permanent closure of a private institution of higher learning or its faculty, its property becomes the private property of the owner after settlement of its liabilities as well as issues in connection with agreements it concluded.

**Article 34: Résolution des problèmes dus à la fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée**

En cas de fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur privée ou sa faculté, son patrimoine revient au propriétaire après apurement de toutes les dettes de cette institution d'enseignement supérieur et le règlement des problèmes liés aux conventions qu'elle a signées.

Gufunga burundu ishuri rikuru ryigenga cyangwa ishami ryaryo n'uburyo abanyeshuri bakomeza kwiga, bikorwa n'iteka rya Minisitiri.

Permanent closure of a private institution of higher learning or its faculty as well as modalities for continuation of studies by its students are decided by an Order of the Minister.

La fermeture d'une institution d'enseignement supérieur privée ou sa faculté ainsi que les modalités de poursuite des études par ses étudiants sont décidées par arrêté du Ministre.

**Ingingo ya 35: Ingaruka y'ifungwa rya burundu ry'ishuri rikuru**

Ishuri rikuru rya Leta, irihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano, iryigenga ryafunzwe burundu ritakaza ubuzimagatozi.

**UMUTWE WA V: IMITERERE BWITE N'IMIKORERE BY'ISHURI RIKURU**

**Ingingo ya 36: Inzego z'Ubuyobozi bw'ishuri rikuru**

Ishuri rikuru rigizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

1° Ubuyobozi bw'Icyubahiro;

2° Inama y'ishuri rikuru;

3° Ibiro by'ubuyobozi Bukuru;

4° Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize;

5° Komite Nkuru y'Ubuyobozi.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego z'ubuyobozi za ngombwa kugira ngo ishuri rikuru rya Leta rishobore kurangiza neza inshingano zaryo.

**Article 35: Effect of permanent closure of an institution of higher learning**

A public, Government-subsidized or private institution of higher learning which is permanently closed loses its legal personality.

**CHAPTER V: INTERNAL ORGANISATION AND FUNCTIONING OF AN INSTITUTION OF HIGHER LEARNING**

**Article 36: Management organs of an institution of higher learning**

An institution of higher learning shall be comprised of the following management organs:

1° the Chancellery;

2° the Council of an institution of higher learning;

3° the Office of the Vice Chancellor;

4° the Academic Senate;

5° the Senior Management Committee.

An Order of the Prime Minister may determine other relevant management organs in order for a public institution of higher learning to fulfil its mission.

**Article 35: Effet de la fermeture définitive d'une institution d'enseignement supérieur**

Une institution d'enseignement supérieur publique, conventionnée ou privée qui est définitivement fermée perd sa personnalité juridique.

**CHAPITRE V: ORGANISATION INTERNE ET FONCTIONNEMENT D'UNE INSTITUTION D'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR**

**Article 36: Organes de direction d'une institution d'enseignement supérieur**

Une institution d'enseignement supérieur est dotée des organes de direction suivants:

1° la Chancellerie;

2° le Conseil d'une institution d'enseignement Supérieur;

3° le Bureau du Vice Chancelier;

4° le Sénat Académique;

5° le Comité Supérieur de Direction.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes de direction nécessaires pour qu'une institution d'enseignement supérieur publique puisse réaliser sa mission.



Hashingiwe ku masezerano ashirahamwe ishuri rikuru rihuriyeho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano, iteka rya Minisitiri rishobora gushyiraho izindi nzego z'ubuyobozi za ngombwa kugira ngo iryo shuri rikuru rirangize neza inshingano zaryo.

Bisabwe n'ubuyobozi bw'ishuri rikuru ryigenga, iteka rya Minisitiri rishobora gushyiraho izindi nzego z'ubuyobozi za ngombwa kugira ngo rirangize neza inshingano zaryo.

**Icyiciro cya mbere: Ubuyobozi bw'Icyubahiro**

**Ingingo ya 37: Ubuyobozi bw'Icyubahiro n'uko bushyirwaho**

Ubuyobozi bw'Icyubahiro bw'ishuri rikuru bugizwe n'Umuyobozi w'Icyubahiro.

Mu ishuri rikuru rya Leta umuyobozi w'icyubahiro ashirwaho n'iteka rya Perezida.

Mu ishuri rikuru Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano, Umuyobozi w'Icyubahiro ashirwaho n'impande zombi hashingiwe ku masezerano.

Mu ishuri rikuru ryigenga, Umuyobozi w'icyubahiro atoranywa na nyir'ishuri rikuru akemezwa n'inama y'ishuri rikuru.

Basing on the agreement establishing a Government-subsidized institution of higher learning, an Order of the Minister may determine other relevant management organs so that such an institution of higher learning can fulfil its mission.

Upon request by the management of a private institution of higher learning, an Order of the Minister may determine other relevant management organs so that such an institution can fulfil its mission.

**Section One: Chancellery**

**Article 37: Chancellery and its establishment**

The Chancellery of an institution of higher learning is made of a Chancellor.

In a public institution of higher learning, the Chancellor is appointed by a Presidential Order.

In a Government-subsidized institution of higher learning, the Chancellor is appointed by both parties in accordance with the agreement.

In a private institution of higher learning, the Chancellor is designated by the owner and approved by the Council of higher learning institution.

Se fondant sur la convention établissant une institution d'enseignement supérieur conventionnée, un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres organes de direction nécessaires pour que cette institution puisse réaliser sa mission.

A la demande de la direction d'une institution d'enseignement supérieur privée, un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres organes de direction nécessaires pour que cette institution puisse réaliser sa mission.

**Section première : Chancellerie**

**Article 37: Chancellerie et sa création**

La Chancellerie d'une institution d'enseignement supérieur est composée d'un Chancelier.

Dans une institution d'enseignement supérieur publique, le Chancelier est nommé par arrêté présidentiel.

Dans une institution d'enseignement supérieur conventionnée, le Chancelier est nommé par les deux parties conformément à la convention.

Dans une institution d'enseignement supérieur privée, le Chancelier est désigné par le propriétaire et approuvé par le Conseil de l'institution d'enseignement supérieur.

**Ingingo ya 38: Inshingano z'Umuyobozi w'Icyubahiro**

Umuyobozi w'Icyubahiro w'ishuri rikuru ashinzwe kuyobora imihango yo gutangiza umwaka w'amashuri, gutanga impamyabumenyi, impamyabushobozi n'andi mashimwe.

Ashobora kandi kwitabira indi mihango cyangwa inama mu gihe bibaye ngombwa.

**Icyiciro cya 2: Inama y'ishuri rikuru**

**Ingingo ya 39: Inama y'ishuri rikuru**

Inama y'ishuri rikuru ni rwo rwego ruriyobora kandi rufata ibyemezo.

Igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 40: Inshingano z'Inama y'ishuri rikuru**

Inama y'ishuri rikuru ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1° gutanga icyerecyezo cy'ibikorwa by'ishuri rikuru;

**Article 38: Responsibilities of the Chancellor**

The Chancellor of an institution of higher learning is responsible for presiding over the academic year opening ceremonies, graduation ceremonies and awarding of other merit titles.

The Chancellor may also attend other events or meetings when appropriate.

**Section 2: Council of an institution of higher learning**

**Article 39: Council of an institution of higher learning**

The Council of an institution of higher learning is the management and decision making organ of such an institution.

The term of office of its members is determined by a Prime Minister's Order.

**Article 40: Responsibilities of the Council of an institution of higher learning**

The Council of an institution of higher learning has the following responsibilities:

- 1° to provide the vision of an institution of higher learning ;

**Article 38: Attributions du Chancelier**

Le Chancelier d'une institution d'enseignement supérieur est chargé de diriger les cérémonies d'ouverture de l'année académique, de collation de grades académiques et de décernement d'autres titres de mérite.

Le Chancelier peut également, en cas de nécessité, assister à d'autres événements ou réunions.

**Section 2: Conseil d'une institution d'enseignement supérieur**

**Article 39: Conseil d'une institution d'enseignement supérieur**

Le Conseil d'une institution d'enseignement supérieur est l'organe de direction et de prise de décision de cette institution.

La durée du mandat de ses membres est déterminée par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 40: Attributions du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur**

Le Conseil d'une institution d'enseignement supérieur a les attributions suivantes:

- 1° donner la vision d'une institution d'enseignement supérieur;

*Official Gazette n°06 of 06/02/2017*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 2° kwemeza igenamigambi ry'ishuri rikuru ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka;  | 2° to approve the strategic plan and action plan of the institution of higher learning;  | 2° approuver le plan stratégique et le plan d'action d'une institution d'enseignement supérieur;   |
| 3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'ishuri rikuru;   | 3° to monitor the implementation of the action plan of an institution of higher learning;  | 3° surveiller la mise en œuvre du plan d'action d'une institution d'enseignement supérieur;  |
| 4° kwemeza amategeko ngengamikorere y'ishuri rikuru;  | 4° to approve the internal rules and regulations of an institution of higher learning;   | 4° approuver le règlement d'ordre intérieur d'une institution d'enseignement supérieur;  |
| 5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'ishuri rikuru ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe ku mashuri makuru ya Leta n'afatanya na Leta ku bw'amasezerano; | 5° to approve the annual draft budget proposal of an institution of higher learning before its submission to relevant organs for public and Government-subsidized institutions of higher learning; | 5° approuver l'avant-projet de budget annuel d'une institution d'enseignement supérieur avant sa présentation aux organes compétents pour les institutions d'enseignement supérieur publiques et conventionnées; |
| 6° kwemeza umushinga w'ingengo y'imari y'ishuri rikuru ya buri mwaka, ku mashuri makuru yigenga;  | 6° to approve the annual draft budget of an institution of higher learning, for private institutions of higher learning;   | 6° approuver le projet de budget annuel d'une institution d'enseignement supérieur pour les institutions d'enseignement supérieur privées;   |
| 7° gusuzuma no gukurikirana imikorere y'ishuri rikuru n'inzego zirishamikiyeho;   | 7° to assess the performance of an institution of higher learning and affiliated organs;   | 7° évaluer la performance d'une institution d'enseignement supérieur et des organes affiliés;  |
| 8° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo by'umwaka urangiye no kuyishyikiriza Minisitiri;   | 8° to approve the activity and financial report of the previous year and submit them to the Minister;  | 8° approuver le rapport d'activités et le rapport financier de l'année précédente et les soumettre au Ministre;  |
| 9° gutoranya abagize ibiro by'Ubuyobozi Bukuru;   | 9° to select members of the Office of the Vice Chancellor;   | 9° choisir les membres du Bureau du Vice-Chancelier;   |

*Official Gazette n°06 of 06/02/2017*

10° kwemeza ishyirwaho n'ikurwaho ry'abayobozi b'amashami mu ishuri rikuru;

11° gushyiraho, kuzamura mu ntera no gukuraho abarimu n'abashakashatsi;

12° kwemeza abahabwa impamyabumenyi, impamyabushobozi, amashimwe n'ibindi bihembo bitangwa n'ishuri rikuru;

13° gushyikiriza Minisitiri raporo y'ibikorwa buri mezi atatu (3) n'iy'umwaka.

10° to approve the appointment and revocation of deans of faculties in an institution of higher learning;

11° to appoint, promote and revoke the teaching staff and researchers;

12° to approve candidates for the award of degrees, certificates of merit and other awards granted by an institution of higher learning;

13° to submit to the Minister the quarterly and annual activity report.

10° approuver la nomination et la révocation des doyens de facultés dans une institution d'enseignement supérieur;

11° nommer, promouvoir et révoquer le personnel enseignant et les chercheurs ;

12° approuver les lauréats pour l'obtention des diplômes, des certificats de mérite et d'autres récompenses accordées par une institution d'enseignement supérieur ;

13° soumettre au Ministre le rapport d'activités trimestriel et annuel.

**Ingingo ya 41: Ishyirwaho ry'abagize inama y'ishuri rikuru**

Abagize Inama y'ishuri rikuru rya Leta bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Abagize Inama y'ishuri rikuru rihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano bashyirwaho hashingiwe kuri ayo masezerano, naho abagize Inama y'ishuri rikuru ryigenga bashyirwaho na nyir'ishuri rikuru.

Mu bagize Inama y'ishuri rikuru harimo Umuyobozi Mukuru w'Inama y'ishuri rikuru.

**Article 41: Appointment of members of the Council of an institution of higher learning**

Members of the Council of a public institution of higher learning are appointed by a Presidential Order.

Members of the Council of a Government-subsidized institution of higher learning are appointed upon the agreement between the parties, while members of the Council of a private institution of higher learning are appointed by the owner of such an institution.

Among the members of an institution of higher learning include the Chairperson of the Council of an institution of higher learning.

**Article 41: Nomination des membres du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur**

Les membres du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur publique sont nommés par arrêté présidentiel.

Les membres du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur conventionnée sont nommés sur base de la convention, tandis que les membres du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur privée sont nommés par le propriétaire de ladite institution.

Parmi les membres du Conseil d'une institution d'enseignement supérieur figure le Président du Conseil de cette institution.

Abagize Inama y'ishuri rikuru batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'ishuri rikuru bagomba kuba ari abagore.

**Ingingo ya 42: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru w'Inama y'ishuri rikuru**

Umuyobozi Mukuru w'Inama y'ishuri rikuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gukurikirana imicungire myiza y'ishuri rikuru;
- 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'ishuri rikuru;
- 3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo n'amabwiriza by'Inama y'ishuri rikuru;
- 4° gushyikiriza Minisitiri raporo na gahunda by'ibikorwa buri mezi atatu n'iy'umwaka;
- 5° gusimbura umuyobozi w'icyubahiro igihe adahari;
- 6° gukora indi mirimo yasabwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Members of the Council of an institution of higher learning are selected on the basis of their competence and expertise. At least thirty per cent (30 %) of members of the Council of an institution of higher learning are female.

**Article 42: Responsibilities of the Chairperson of the Council of an institution of higher learning**

The Chairperson of the Council of an institution of higher learning has the following responsibilities:

- 1° to follow up the proper management of an institution of higher learning;
- 2° to convene and preside over the meetings of the Council of an institution of higher learning;
- 3° to follow up the execution of resolutions and instructions of the Council of an institution of higher learning;
- 4° to submit to the Minister the quarterly and annual report and action plan;
